# BELIEVERS EASTERN CHURCH ICYICARO GIKURU KU ISI

Ibiro bya Metropolitani, kominote ya Mt Tomasi, Kuttapuzha P. O., Thiruvalla - 689103 Kerala, Ubuhinde.

## IBARUWA Y'UMUSHUMBA

Kanama/ Nzeli 2024

Imigisha n'indamukanyo ku Basenyeri bakuru n'Abepisikopi bose, Abapadiri n'Abadiyakoni, Abogezabutumwa n'Ubutorwe rw'Ababikira, n'Abemera bose ba Believers Eastern Church ku isi hose, ku izina ry'Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Amen! ✠

Bakundwa muri Kristu,

Iyi ni yo baruwa ya mbere y'umushumba mbandikiye nyuma yo kwimikwa nkagirwa Data Metropolitani wa Believers Eastern Church. Reka ntangire mbabwira ukuntu mbishimira ku bw'urukundo rwanyu n'amasengesho musenga munsabira. Ndashimira Data wo mu ijuru, kubera ko yatubereye indahemuka, kandi urukundo rwe rukaba rwaratuyoboye, by'umwihariko mu bihe bya vuba aha.

Muri iyi baruwa, ndagira ngo ngaruke kuri ibi bintu by'ingenzi cyane kandi mubyiteho.

**Icya mbere: Ikoraniro ry'Urubyiruko** mu Ukwakira 2024.

Urubyiruko ni ahazaza h'ejo ha Kiliziya yacu. Iyo rukomeye mu buryo bwa Roho, rukaba rufite imbaraga kandi rugakorana umwete mu ma Paruwasi yarwo no mu miryango yarwo, icyo gihe ahazaza ha Kiliziya yacu tuhashyira mu maboko meza. Dufite iyo ntego mu bitekerezo, twagiye dusenga, twitegura, kandi duteganya ikoraniro ry'Urubyiruko rizaba mu Kwakira 2024, aho itsinda ry'urubyiruko rwatoranyijwe ruzahagararira diyosezi zitandukanye ruzahurira hamwe. Turabasaba ko mwasengera iri koraniro ry'urubyiruko.

Musengere iki gikorwa muri kumwe n'abagize umuryango wanyu; mutegure amakoraniro yo gusenga muri paruwasi yanyu kugeza igihe iryo koraniro ry'Urubyiruko rizarangirira. Dusabire abazaryitabira kuzagira urugendo rwiza n'imyiteguro yose irimo ikorwa kandi ngo urubyiruko rwacu rushobore gukangurwa kugira imibereho irangwa no gutagatifuzwa muri iyi nama.

**Icya kabiri:** Hakenewe cyane abavandimwe na bashiki bacu bakiri bato b'abanyamwete bo muri za Paruwasi zacu kugira ngo begurire ubuzima bwabo kwitoza gukorera Kiliziya. Nk'uko Yezu yabivuze, ibyo abantu bakeneye mu buryo bwa Roho ni byinshi, ariko bake gusa ni bo bashobora kubibona. None se twakora iki? Jya usenga Imana uyisabe ko yakohereza abantu benshi babasha kuzuza izo nshingano. (Mt. Matayo 9:36-38) Reka ibi bibe ikifuzo cy'isengesho dusaba dukomeje gusenga umwaka wose mu ikoraniro ryacu ryose ry'isengesho, hombi muri

Kiliziya no mu miryango yacu. Niba uri umubyeyi, jya usenga usaba ko abana bawe bakegurira ubuzima bwabo ugukorera Imana. Nimucyo mbere na mbere tube intangarugero, maze abandi na bo bazadukurikize.

**Icya gatatu:** Amasomo mashya y'amaseminari makuru yacu, amaseminari ya diyosezi, n'ahigishirizwa gutegura Ababikira b'Umusaraba yaratangiye. Dusabire abavandimwe na bashiki bacu dukunda cyane barimo kwigishwa, kugira ngo bashobore kwiyegurira kwiga, gutoza abandi no kwitegura gukora umurimo w'Imana.

**Icya kane:** Nimucyo dukomeze kuba abizerwa mu gutanga inkunga y'amafaranga ku bikenerwa bya Kiliziya ntagatifu. St. Pawulo atwibutsa ibya Kiliziya ry'i Makedoniya, nubwo yari ikennye cyane, yatanze ibirenze ibyo yashoboraga gutanga (2 Kor 8:15). Reka Kiliziya yacu ntagatifu na yo ibe imwe muri izo, imenyekane kubwo gutanga ititangiriye itama, ku bushake kandi mu budahemuka, kimwe na wa mupfakazi w'umukene "watanze ibyo yari afite byose" (St. Mariko 12:41-44) Ni iki Yezu yashakaga kuvuga? Wibuke ko Imana ikunda umuntu utanga yishimye (2 Abakorinto 9:6,7), kandi ko isezeranya ko igihe dutanze duha Umwami, izatwugururira amarembo y'ijuru maze ikatwuzuzaho imigisha yayo (Malaki 3:10, 11).

Bana banjye nkunda, mbere y'uko ngana ku musozo, reka mbibutse ko ari inshingano yacu nka Kiliziya yo gusengera abayobozi b'igihugu cyacu, leta yacu n'akarere kacu (1 Tim 2:14). Nimucyo dukore ibyo mu budahemuka. Turasabira kandi igihugu cya Bangladeshi, cyibasiwe n'urugomo n'imvururu - ko amahoro n'ituze byagaruka mu gihugu vuba. Ndabinginze kandi musabire uturere twazahajwe n'ibiza, kugira ngo Imana Umuremyi igirire imbabazi n'impuhwe ubwoko bwayo.

Maze rero, bavandimwe na bashiki bacu dukunda, nk'uko Metropolitani wacu witabye Imana, Athanasius Yohan wa I w'urwibutso rw'umugisha, yakundaga kubivuga, **Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa ni igishushanyo mbonera cyacu**; ni idira (busole), ifatiro nyobozi ry'ingenzi ry'ukwemera kwa Orutodogisi. Isomere iki gitabo kenshi; nimucyo dushyire mu bikorwa ayo mahame buri muntu ku giti cye, mu rwego rw'itsinda, mu rwego rwa Paruwasi, bityo dufatanye nka Kiliziya.

Nk'uko turi mu rugendo tugana imbere, nimucyo dukomeze guhanga amaso Yezu Kristu, Umwami wa Kiliziya Ntagatifu, buri munsi tuzabona imbaraga n'inkunga yo kubaho mu buryo bumushimisha. Roho Mutagatifu akomeze kutuyobora mu butumwa bwacu bwo gukunda no gukorera abandi, kandi ubwitange n'imbaraga byacu byose bizagire umusaruro, umusaruro urambye, uzatuzanira ibisingizo, ikuzo, gusenga, icyubahiro, no gusingiza Ubutatu Butagatifu – Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu ubu n'iteka ryose ✠.

**Data wanyu, muri Kristu,**
**Moran Mor Samuel Theophilus Metropolitani**

**Itariki:** 12 Kanama 2024
**Aho bikorewe:** Icyicaro Gikuru ku Isi